

“Muzanshaka mumbone, ni munshakana  
umutima wanyu wose.”

**UBURYO BWO  
KUMENYA IMANA**

## **UBURYO BWO KUMENYA IMANA**

**Nk'uko Aburahamu yiswe “inshuti y’Imana” kubera kugandukira Imana kwe no kuyumvira kwe, ni uko namwe mushobora kumenya Imana no kwiyumvamo imbabazi zayo n’amahoro n’imigisha itanga. Kumenya Imana mu buryo bwo kuyigandukira by’ukuri no kuyiringira by’ukuri ni ikintu cy’ingenzi kiruta ibindi byose dushobora kumenya. Ni igitangaza cyiza cyane ko Imana yihishurira abantu bose bayishakana umutima wabo wose!**

**Ni wemera guhindukira ukareka inzira wishakira ubwawe, ukemere kwiha Imana no kuyigandukira, Mwuka wayo azatura muri wowe. Nta kintu na kimwe kizashobora kugutandukanya n’urukundo rwayo ni wizera amasezerano yayo ukayikurikira mu buryo bwo kuyumvira. Izaba Imana yawe, nawe uzaba gakondo ye y’igiciro cyinshi. Uzamenya ko yakuguze igiciro gikomeye, kandi ko yifuza gufatanya nawe—none n’iteka ryose.**

**Saba Imana kugira ngo igufashe gusobanukirwa neza mu kwiga iyi mirongo yo mu Ijambo ry’Imana yanditswe muri aka gatabo.**

---

**Imirongo yo muri Bibliya yanditswe muri aka gatabo yakuwe mu Bitabo bya Mose no muri Zaburi, no mu bitabo by’Abahanuzi no mu Isezerano Rishya.**

Uwiteka Imana yacu ni we Uwiteka wenyine, ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose.

—Gutegeka kwa Kabiri 6:4b, 5

Kuko Uwiteka waremye ijuru ari we Mana; ni we waremye isi akayibumba, akayikomeza, ntiyayiremye idafite ishusho, ahubwo yayiremeye guturwamo, avuga ati Ni jyewe Uwiteka, nta undi ubaho.

—Yesaya 45:18

Muri abagabo bo guhamya ibyanjye; ni ko Uwiteka avuga; kugira ngo mummenye munyizere munyitegereze ko ari jye; nta Ma-

na yambanjirije kubaho, kandi nta izamperuka. Jyewe, jye ubwanjye, ni jyewe Uwiteka; kandi nta undi mukiza utari jyewe.

—Yesaya 43:10, 11

Kugira ngo amoko yose yo mu isi amenye ko Uwiteka ari we Mana, nta indi.

—1 Abami 8:60

Ndi Uwiteka; ni ryo zina ryanjye, icyubahiro cyanjye sinzagaha undi, n'ishimwe ryanjye sinzariha ibishushanyo bibajwe.

—Yesaya 42:8

Ni mumpugukire mukizwe, mwa bari ku mpera z'isi mwese mwe; kuko ari jye Mana, nta indi ibaho.

—Yesaya 45:22

Uwiteka ni umunyebambe n'umunyambabazi, atinda kurakara, afite kugira neza kwinshi. Nk'uko ijuru ryitaruye isi, ni ko imbabazi agirira abamwubaha zingana.

—Zaburi 103:8, 11

Ariko, imbabazi Uwiteka agirira abamwubaha zahereye kera hose, zizageza iteka ryose . . . baki-buka amategeko ye bakayakomeza.

—Zaburi 103:17a, 18b

Ni iyihe Mana ihwanye nawe, ibabarira gukiranirwa . . . kuko yishimira kugira imbabazi?

—Mika 7:18

Ku munyambabazi uziyerekana nk'umunyambabazi.

—Zaburi 18:25a

Imbabazi z'Uwiteka ni zo zituma tudashiraho, kuko ibambe rye ritabura.

—Amaganya ya Yereimiya 3:22

Naho yababaza umuntu, ariko azamugirira ibambe, nk'uko imbabazi ze nyinshi zingana.

—Amaganya ya Yereimiya 3:32

Ni mushimire Uwiteka, yuko ari mwiza; kuko imbabazi ze zihoraho iteka ryose.

—1 Ibyo ku Ngoma 16:34

Namenye ko uri Imana igira ubuntu n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi . . .

—Yona 4:2b

Agirira impuhwe abamwubaha, uko ibihe bihaye ibindi. —Luka 1:50

Uwiteka yambonekeye kera, ati Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho; ni cyo cyatumye ngukuruzaza ineza, nkakwiyegereza.

—Yeremiya 31:3

Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira, ni amahoro, si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma, ni ko Uwiteka avuga.

—Yeremiya 29:11

Narabakunze; ni ko Uwiteka avuga.

—Malaki 1:2a

Nk'uko se w'abana abagirira i bambe, ni ko Uwiteka arigirira abamwubaha.

—Zaburi 103:13

Erega icyatumye ngira ibinsharirira cyane ni ukugira ngo mbone

amahoro; kandi urukundo wakuze ubugingo bwanjye, (Mana,) rwatumye ubukiza urwobo rw'iborero; ibyaha byanjye byose warabyirengeje.

—Yesaya 38:17

Natwe twamenye kandi twizeye urukundo Imana idukunda... Turayikunda, kuko ari yo yabanje kudukunda.

—1 Yohani 4:16a, 19

Uwiteka Imana yawe, iri muri wowe imbere, ni intwari kandi irakiza; izakwishimana inezerewe; izaruhukira mu rukundo rwayo; izakunezererwa iririmba.

—Zefaniya 3:17

## KUMENYA IMANA BIRUTA IBINDI BYOSE BYO MURI UBU BUGINGO

Ariko abantu bazi Imana yabo,  
bazakomera bakora iby'ubutwari.

—Daniyeli 11:32b

Uwirata yirate ibi, yuko asobanukiwe,  
akammenya yuko ari jye Uwiteka,  
ugirira imbabazi no kutabera no gukiranuka mu isi;  
kuko ibyo ari byo nishimira, ni ko Uwiteka avuga.

—Yeremiya 9:24

Hahirwa abitondera ibyo yahamije,  
bakamushakisha umutima wose.

—Zaburi 119:2

Ngushyize imbere ubugingo n'urupfu,  
umugisha n'umuvumo: nuko uhitemo  
ubugingo... uku nde Uwiteka Imana yawe,  
uyumvire, uyifatanyeho akaramata;

kuko ari yo bugingo bwawe.

—Gutegeka kwa Kabiri 30:19b, 20a

Kuko icyo nshaka ari imbabazi, si ibitambo;  
kandi kumenya Imana kubirutisha ibitambo byoswa.

—Hoseya 6:6

Nk'uko imparakazi yahagizwa no kwifuza imigezi,  
ni ko umutima wanjye wahagizwa no kukwifuza,  
Mana.

—Zaburi 42:1

Aramusubiza ati Ubwanjye nzajyana nawe,  
nkuruhure.

—Kuva 33:14

Nimworoshye, mumenye ko ari jye Mana;  
nzashyirwa hejuru mu mahanga,  
nzashyirwa hejuru mu isi.

—Zaburi 46:10

# KUBAHO UDASHAKA GUFASHWA N'IMANA KUZANA URUPFU

5

Uwiteka ari kumwe namwe, ni muba kumwe na we; ni mumushaka muzamubona; ariko ni mumuta, na we azabata.

—2 Ibyo ku Ngoma 15:2b

Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ufite indwara, ntiwizere gukira: ni nde ushobora kuwumenya uko uri?

—Yeremiya 17:9

Hariho inzira umuntu yibwira ko ari nziza; ariko iherezo ryayo ni inzira z'urupfu.

—Imigani 16:25

Kuko ubwo Imana itababariye abamarayika bakoze icyaha, ahubwo ikabajugunya mu mworera,

ikababohesha iminyururu y'umwijima, ngo barindirwe gucirwaho iteka;... Umwami Imana izi gukiza abayubaha ibibagerageza, no kurindira abakiranirwa kugeza ku muni w'amateka, ngo baha-nwe.

—2 Petero 2:4, 9

Ariko ni mutumvira Uwiteka mukagomera itegeko rye, ukuboko k'Uwiteka kuzabakoraho.

—1 Samweli 12:15a

Utagumya kuba umwe nanjye ajugunywa kure, akuma nk'ishami. Amashami nk'ayo barayasakuma, bakayashyira mu muriro, agakongoka.

—Yohani 15:6

## KUGIRA NGO TUMENYE IMANA DUKWIRIYE KUYISHAKA

Muzanshaka mumbone, ni munshakana umutima wanyu wose.

—Yeremiya 29:13

Ubugenzura nk'ūgenzura ubutunzi buhishwe; . . . ni bwo uzabona kumenya Imana.

—Imigani 2:4b, 5b

Musabe, muzahabwa; mushake, muzabona; mukomange, muzakungurirwa.

—Matayo 7:7

Ariko ūtizera ntibishoboka ko ayinezeza: kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka.

—Abaheburayo 11:6

Nkunda abankunda; kandi aba-

nshakana umwete bazambona.

—Imigani 8:17

Uwiteka abereye mwiza abamutegereje, n'ubugingo bw'ūmushaka. —Amaganya ya Yeremiya 3:25

Yakomoye ku muntu umwe amoko yose . . . Imana yabigize ityo ngo ahari nibayishakashaka bayibone. Erega n'ubundi ntiri kure ya buri muntu muri twe!

—Ibyakozwe 17:26a, 27

Ariko ari jye, ubu mba nshatse Imana, kandi Imana nkaba ari yo negurira ibyanjye. —Yobu 5:8

Abazi izina ryawe bazakwiringira; kuko wowe, Uwiteka, utareka abagushaka. —Zaburi 9:10



Kuko Uwiteka Imana yanyu igira imbabazi n'ibambe, kandi nti-zabirengagiza ngo ibahe umugongo, ni muyigarukira.

—2 Ibyo ku Ngoma 30:9b

Kuko wowe, Mwami, uri mwiza, witeguye kubabarira, kandi wuzuye imbabazi ku bakwambaza bose.

—Zaburi 86:5

Mwegere Imana, na yo izabege-ra.

—Yakobo 4:8a

Uwiteka aba hafi y'abamutakira bose, abamutakira mu by'ukuri bose.

—Zaburi 145:18

Nimuze tujye inama, ni ko Uwiteka avuba; naho ibyaha byanyu bitukura nk'umuhemba, birahi-

nduka umweru bise na shelegi; naho bitukura tukutuku, birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera.

—Yesaya 1:18

Mwese abarushye n'abaremere-we, nimunsange, mbaruhure! Mwikorere umutwaro wanjye, kandi mundebereho, kuko ndi umugwaneza, nkaba niyoroshya. Bityo imitima yanyu izatuza.

—Matayo 11:28, 29

Ūza aho ndi sinzamwirukana na hato.

—Yohani 6:37b

Yemwe abafite inyota, nimuze ku mazi, kandi n'ūdafite ifeza na we naze; nimuze mugure murye.

—Yesaya 55:1a

Uwiteka, mu byitwa imana hari ihwanye nawe? . . . kwera kwawe ni ko kuguhesha icyubahiro.

—Kuva 15:11a

Nta wera nk'Uwiteka; kuko nta indi mana, itari wowe.

—1 Samweli 2:2a

Ntibikabeho ko Imana ikora ibyaha, n'Ishobora byose ngo ikore ibyo gukiranirwa. —Yobu 34:10b

Uwiteka nyir' ingabo arera, arera, arera; isi yose yuzuye icyubahiro cye.

—Yesaya 6:3b

Nta mwiza n'umwe ubaho, kere-tse Imana yonyine. —Mariko 10:18b

Nimwumve uko Iyo, iri hejuru cyane, ituye ahahoraho ivuga, izina ryayo ni Uwera; ikavuga iti Aho ntuye ni hejuru kandi harera.

—Yesaya 57:15a

Mwami, ni nde utazakubaha, cyangwa ngo ye guhimbaza izina ryawe, ko ari wowe wenyine wera?

—Ibyahishuwe 15:4a

Bashime izina ryawe rikomeye riteye ubwoba: ni we wera.

—Zaburi 99:3

Mushyire hejuru Uwiteka, Imana yacu, musengere ku musozi we wera: kuko Uwiteka, Imana yacu, ari uwera.

—Zaburi 99:9

# ABANTU B'IMANA BAGOMBA KUGIRA UBUGINGO 9 BUZIRANENGE

Wizera yuko Imana ari imwe rukumbi. Ibyo ni byiza; ariko abadayimoni na bo barabyizera, bagahinda imishitsi. Wa muntu utagira umumaro we, ntuzi yuko kwizera kutagira imirimo ari imfabusa?

—Yakobo 2:19, 20

Ūvuga ko amuzi, ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri nitkuri muri we. icyo ni cyo kimenyekanisha abana b'Imana n'abana ba Satani. Umuntu wese udakiranuka cyangwa udakunda mwene Se si uw'Imana.

—1 Yohani 2:4; 3:10

Inzira y'umunyabyaha ni ikizi-

ra k'Uwiteka; ariko akunda ūkuri-kira gukiranuka. —Imigani 15:9

Mugire umwete wo kubana n'abantu bose amahoro, n'uwo kwewza, kuko ūtejejwe atazareba Umwami Imana.

—Abaheburayo 12:14

Ahubwo, nk'uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose.

—1 Petero 1:15

Mushake ibyiza, mwe gushaka ibibi, kugira ngo mubeho; ni bwo Uwiteka, Imana nyir'ingabo, izabana namwe, nk'uko mwibwira.

—Amosi 5:14

Yewe, mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari icyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki. Ni ugukora ibyo gukiranuka, no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi.

—Mika 6:8b

Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose, mugize imitima mishya.

—Abaroma 12:2a

Ngo ukunde Nyagasani Imana yawe n'umutima wawe wose, n'ubuzima bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose; kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.

—Luka 10:27b

Mube abera, kuko Uwiteka Imana yanyu ndi uwera.

—Abalewi 19:2b

Uzi amategeko, ngo ntuzice; ntuzasambane, ntuzibe, ntuzabeshyere abandi; ntuzahuguze; wubahe so na nyoko.

—Mariko 10:19

Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe; ahubwo, uje ubitekereza ku manywa na n'ijoro, kugira ngo ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose; ni ho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose.

—Yosuwa 1:8

Mujye mwizera Imana!

—Mariko 11:22b

Hariho ibintu bitandatu, ndetse birindwi, Uwiteka yanga, bimubera ikizira; ni ibi: Amaso y'ubwibone, ururimi rubeshya, amaboko avusha amaraso y'ūtariho urubanza, umutima ugambirira ibibi, amaguru yihutira kugira urugomo, umugabo w'indarikwa uvuga ibinyoma, n'ūteranya abavandimwe.  
—Imigani 6:16-19

Kuko jyewe Uwiteka nkunda imanza zitabera, nanga kwambura no gukiranirwa. —Yesaya 61:8a

Ariko abanyabwoba, n'abatizera, n'abakora ibizira, n'abicanyi, n'abasambanyi, n'abarozi, n'abasenga ibishushanyo, n'abanyabinyoma bose, umugabane wabo u-

zaba mu nyanja yaka umuriro n'amazuku; ni yo rupfu rwa kabiri.  
—Ibyahishuwe 21:8

Nuko rero murinde imitima yanyu hatagira uriganya umugore wo mu busore bwe. Kuko nanga gusenda, ni ko Uwiteka Imana . . . ivuga. —Malaki 2:15b, 16a

Kandi ntimukagambanirane mu mitima yanyu, ntimukemere indahiro z'ibinyoma zose; kuko ibyobyose ari byo nanga, ni ko Uwiteka avuga. —Zekariya 8:17

Uwiteka agerageza abakiranutsi: ariko umunyabyaha n'ūkunda urugomo, umutima we urabanga.  
—Zaburi 11:5

## ABANTU NTIBASHYIKIRA IBYO IMANA IBASHAKAHO

Ariko mwebwe ndabazi: ntimukunda Imana mubikuye ku mutima.  
—Yohani 5:42

Umuntu wese witondera amategeko yose, agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose.  
—Yakobo 2:10

Maze ndavuga nti Mbonye ishyanu, ndapfuye we; kuko ndi umunyaminwa yanduye, kandi ntuye hagati y'ubwoko bufite iminwa yanduye; kandi amaso yanjye abonye Umwami Uwiteka nyir'ingabo.  
—Yesaya 6:5

Nuko ūzi gukora neza ntabiko-

re, bimubereye icyaha.

—Yakobo 4:17

Nk'uko byanditswe ngo: Nta ukiranuka n'umwe. —Abaroma 3:10

Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana.  
—Abaroma 3:23

Umuntu wese udakiranuka cyangwa udakunda mwene Se si uw'Imana.  
—1 Yohani 3:10b

Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabayeye intatane.  
—Yesaya 53:6a

Ni nde ushobora guhagarara imbere y'Uwiteka, iyi Mana yera?  
—1 Samweli 6:20b

# IMIRIMO YACU UBWACU NTISHOBORA GUSHIMISHA IMANA

13

Ndabahamya yuko bafite ishya-  
ka ry'Imana, ariko ritava mu bwe-  
nge; kuko ubwo bari batazi guki-  
ranuka kw'Imana uko ari ko, ba-  
gerageje kwihangira gukiranuka  
kwabo ubwabo, bituma, basuzu-  
gura gukiranuka kw'Imana.

—Abaroma 10:2, 3

Kuko twese twahindutse aba-  
nduye, kandi n'ibyo twakiranutse  
byose bimeze nk'ubushwambaga-  
ra, bufite ibizinga. —Yesaya 64:6a

Ni mbwira umukiranutsi ngo  
kubaho uzabaho, akiringira guki-  
ranuka kwe, kandi agakora ibibi,  
mu byo gukiranuka kwe nta na ki-

mwe kizibukwa; ahubwo azapfa,  
azize ibibi bye yakoze.

—Ezekiyeli 33:13

Erega burya abari mu butware  
bwa kamere ntibashobora kuneze-  
za Imana.

—Abaroma 8:8

Kuko imbere yayo ari nta mu-  
ntu uzatsindishirizwa n'imirimo i-  
tegetswe n'amategeko.

—Abaroma 3:20a

Si uko twihagije ubwacu, ngo  
dutekereze ikintu cyose nk'aho ari  
twe cyaturutseho, ahubwo tuba-  
shishwa n'Imana.

—2 Abakorinto 3:5

Kuko bimeze bityo, nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, ni ko urupfu rugera ku bantu bose, kuko bose bakoze ibyaha. —Abaroma 5:12

Nuko iryo rari riratwita, rikabyara ibyaha, ibyaha na byo bimaze gukura, bikabyara urupfu. —Yakobo 1:15

Ubugingo bukora icyaha ni bwo buzapfa. —Ezekiyeli 18:20a

Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n'Imana yanyu, n'ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso, ikanga no kumva. —Yesaya 59:2

Ūkomeye mu byo gukiranuka, azahabwa ubugingo; kandi ūkuri-kirana ibibi aba yishakiye urupfu. —Imigani 11:19

Uku ni ko Imana ivuze: ni iki gituma mucumura amategeko y'Uwiteka, bikababuza kubona umugisha? Ariko rero mwaretse Uwiteka, na we ni cyo cyamuteye kubareka. —2 Ibyo ku Ngoma 24:20b

Kuko ubugome busa n'icyaha cy'uburozi, kandi mudakurwa ku ijambo asa n'ūramya ibishushanyo na terafimu. Ubwo wanze ijambo ry'Uwiteka, na we yanze ko uba ku ngoma. —1 Samweli 15:23a



Uwiteka ntiyihutira kurakara,  
afite ububasha bwinshi, kandi nta  
bwo yatsindishiriza ūtsinzwe n'u-  
rubanza. —Nahumu 1:3a

Ibyo ni byo bizanira umujinya  
w'Imana abatumvira.  
—Abakolosayi 3:6

Umujinya w'Imana uhishurwa,  
uva mu ijuru, ubyukirijwe ubugo-  
me no gukiranirwa by'abantu  
byose, bashikamiza ukuri gukira-  
nirwa kwabo. —Abaroma 1:18

Gukiranirwa kwanyu ni ko kwa-  
batandukanije n'Imana yanyu,  
n'ibyaha byanyu ni byo biyitera  
kubima amaso, ikanga no kumva.  
—Yesaya 59:2

Buzuye gukiranirwa kose, n'u-  
bubi, no kurarikira, n'igomwa; bu-  
zuye n'ishyari, n'ubwicanyi, n'i-  
ntonganya, n'ubugambanyi, no  
gukina ku mubyimba, no guseba-  
niriza mu byongorerano; n'abatu-  
kana, abanga Imana, abanyagasu-  
zuguro, abirarira, abahimba ibibi,  
abatumvira ababyeyi, indakurwa  
ku izima, abava mu masezerano,  
abadakunda ababo, n'intababari-  
ra: nubwo bamenya iteka ry'Ima-  
na, yuko abakora ibisa bityo ba-  
kwiriye gupfa, uretse kubikora u-  
bwabo gusa, bashima n'abandi ba-  
bikora. —Abaroma 1:29-32

Abantu bagenewe gupfa rimwe,  
hanyuma y'aho hakaza urubanza.

—Abaheburayo 9:27b

Mbona abapfuye, abakomeye  
n'aboroheje, bahagaze imbere y'i-  
yo ntebe; nuko ibitabo birabu-  
mburwa. Kandi n'ikindi gitabo ki-  
rabumburwa, ni cyo gitabo cy'u-  
bugingo. Abapfuye bacirwa ima-  
nza z'ibyanditswe muri ibyo bita-  
bo, zikwiriye ibyo bakoze... Ka-  
ndi umuntu wese utabonetse ko  
yanditswe muri cya gitabo cy'u-  
bugingo, ajugunywa muri iyo nya-  
nja yaka umuriro.

—Ibyahishuwe 20:12, 15

Erega biteye ubwoba gusumi-

rwa n'amaboko y'Imana ihoraho.

—Abaheburayo 10:31

Reka mbabwire: ku munsu w'u-  
rubanza, abantu bazabazwa ija-  
mbo ryose ry'impfabusa bavuze.

—Matayo 12:36

Kuko Imana izazana umurimo  
wose mu manza n'igihishwe cyo-  
se, ari icyiza, cyangwa ikibi.

—Umubwiriza 12:14

Uko ni ko bizamera ku mperuka  
y'isi, abamarayika bazaza, bajo-  
njore ababi, babakure mu ntunga-  
ne, babajugunye mu itanura ry'u-  
muriro, aho bazarira kandi baga-  
hekenya amenyo.

—Matayo 13:49, 50

Amaso y'Uwiteka aba hose; yitegereza ababi n'abeza.

—Imigani 15:3

Uwiteka, warandondoye, urammenya. Uzi imyicarire yanjye n'imihagurukire yanjye, umenyera kure ibyo nibwira. Ujya urondora imigendere yanjye n'imiryamire, uzi inzira zanjye zose. Kuko ijambo ritaraba mu rurimi rwanjye uba umaze kurimenyara rwose, Uwiteka. —Zaburi 139:1-4

Kuko Uwiteka atareba nk'uko abantu bareba; abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka we areba mu mutima.

—1 Samweli 16:7b

Iyashyizeho ugutwi, ntizumva? Iyaremye ijisho, ntizareba?

—Zaburi 94:9

Kuko amaso yanjye ari ku nzira zabo zose; ntizihishe nkazireba, n'ibyaha byabo ntibihishwa imbere yanjye.

—Yeremiya 16:17

Nta cyaremwe kitagaragara imbere yayo, ahubwo byose bitwikuruwe nk'ibyambaye ubusa mu maso y'Izatubaza ibyo twakoze.

—Abaheburayo 4:13

Kuko amaso yayo ari ku migenzereze y'umuntu, kandi ireba amajya ye yose. Nta mwijima, cyangwa igicucu cy'urupfu, aho inkazi z'ibibi zishobora kwihisha.

—Yobu 34:21, 22

## 18 GUHINDUKIRA UKAVA MU BYAHA NI NGOMBWA

Muragira ngo nishimira ko umunyabyaha apfa? Ni ko Umwami Uwiteka abaza. Ikiruta si uko yahindukira akava mu nzira ye mbi, akabaho? —Ezekiyeli 18:23

Ndababwira ko namwe, ni mutihana, muzashira mwese nka bo. —Luka 13:3b

Uhisha ibicumuro bye ntazagubwa neza; ariko ubyatura akabireka, azababarirwa. —Imigani 28:13

Uwiteka aravuga ati Ariko n'ubu, nimungarukire n'imitima yanyu yose, mwiwirize ubusa, murire muboroge: imitima yanyu abe ari yo mutanyura mureka imyenda yanyu, muhindukirire Uwiteka I-

mana yanyu; kuko igira impuhwe, yuzuwe n'imbabazi, ntiyihutira kurakara, ahubwo ihorana ibambe ryinshi. —Yoweli 2:12, 13a

Mujoyane amagambo mugarukire Uwiteka; mumubwire muti Udukureho gukiranirwa kose, utwagirane ineza. —Hoseya 14:2a

Aririmbira imbere y'abantu, ati Naracumuye . . . Nyamara yanshunguriye ubugingo ngo butajya muri rwa rwobo, kandi kubaho kwanjye kuzareba umucyo. —Yobu 33:27a, 28

Nimuhindukire ubu, umuntu wese ave mu nzira ye mbi, no mu bibi by'imirimo yanyu. —Yeremiya 25:5a

Ni mushake Uwiteka bigishoboka ko abonwa; ni mumwambaze akiri bugufi; umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranyirwa areke ibyo yibwira; agarukire Uwiteka, na we aramugirira ibambe; agarukire Imana yacu, kuko izamubabarira rwose pe.  
—Yesaya 55:6, 7

Uwiteka aba hafi y'abafite imitima imenetse, kandi akiza abafite imitima ishenjaguwe.  
—Zaburi 34:18

... bibatere kugaruka, umuntu wese areke inzira ye mbi; kugira ngo mbone kubababarira... icyaha cyabo.  
—Yeremiya 36:3b

**Nakwemereye ibyaha byanjye,**

sinatwikiriye gukiranirwa kwanjye, naravuze nti Ndaturira Uwiteka ibicumuro byanjye: nawe unkuraho urubanza rw'ibyaha byanjye.  
—Zaburi 32:5

Ni twatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose.  
—1 Yohani 1:9

Nuko rero nimwisubireho, mugarukire Imana, kugira ngo ibyaha byanyu bihanagurwe.  
—Ibyakozwe 3:19a

Kwihana si ukwaturira Imana ibyaha byacu gusa, ariko kandi ni uguhindukira tukabivamo.

## IBITAMBO NI NGOMBWA KUGIRA NGO BYUZUZE ABANTU N'IMANA

*(Ibyaha bidutandukanya n'Imana, uru-  
papuro 14.)*

Kuko ubugingo bw'inyama bu-  
ba mu maraso, nanjye nyabahere-  
ye gusukwa ku gicaniro ngo abe  
impongano y'ubugingo bwanyu:  
kuko amaraso ari yo mpongano, a-  
yihindurwa n'ubugingo buyarimo.  
—Abalewi 17:11

Kuko ukurikije amategeko, ibi-  
ntu hafi ya byose byezwa n'ama-  
raso, kandi amaraso atavuye, nti-  
habaho kubabarirwa ibyaha.  
—Abaheburayo 9:22

Umwana w'intama wanyu...  
ntuzagire inenge, uzabe isekuru-  
me itaramara umwaka... Ayo

maraso azababera ikimenyetso ku  
mazu murimo: nanjye ubwo nza-  
bona ayo maraso, nzabanyuraho,  
nta cyago kizababaho ngo kibari-  
mbure. —Kuva 12:5a, 13a

Aburhamu aramusubiza ati  
Mwana wanjye, Imana iribwibo-  
nere umwana w'intama w'igita-  
mbo cyo koswa... Aburhamu  
yubura amaso, arareba, abona i-  
nyuma ye imfizi y'intama, amahe-  
mbe yayo afashwe mu gihuru: A-  
burhamu aragenda, yenda ya  
ntama, ayitamba ho igitambo cyo-  
swa mu cyimbo cy'umuhungu we.  
—Itangiriro 22:8a, 13

# YEZU NI WE MWANA W'INTAMA IMANA YIBONEYE

21

Bukeye, Yohani abona Yezu aje amusanga, maze aravuga ati "Dore Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abantu bose!"

—Yohani 1:29

Yararenganye, ariko yicisha bugufi, ntiyabumbure akanwa ke, amera nk'umwana w'intama bajyana kubaga, cyangwa nk'uko intama icecekeramurira y'abayikemurira, ni ko atabumbuye akanwa ke.

—Yesaya 53:7

Kandi ntiyinjijwe Ahera cyane n'amaraso y'ihene cyangwa n'ay'ibimasa, ahubwo yahinjijwe rimwe n'amaraso ye, amaze kutubonerana gucungurwa kw'iteka. Ni

ko na Kristo yatambwe rimwe, ngo yishyireho ibyaha bya benshi.

—Abaheburayo 9:12, 28a

Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe... atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara, ni yo ya Kristo.

—1 Petero 1:18a, 19

Nkanswe amaraso ya Kristo, witambiye Imana atagira inenge, kubwa Umwuka w'iteka; ntazarushaho guhumanura imitima yanyu akayezaho imirimo ipfuye, kugira ngo mubone uko mukorera Imana ihoraho? —Abaheburayo 9:14

## DUCUNGURWA KUBERA IBYO IMANA YADUTEGURIYE BYONYINE

Batsindishirizwa n'ubuntu bwayo, ibibahereye ubusa, ku bwo gucungurwa kubonerwa muri Yezu Kristo. Ni we Imana yashyizeho kuba impongano y'uwizera amaraso ye. —Abaroma 3:24, 25a

Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha. Nkanswe none, ubwo tumaze gutsindishirizwa n'amaraso ye, nituzarushaho gukizwa umujinya w'Imana na we? —Abaroma 5:8, 9

Tumenye yuko umuntu adatsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko, ahubwo atsindishi-

rizwa no kwizera Yezu Kristo; dore ndetse natwe twizeye Kristo Yezu. —Abagalatiya 2:16a

Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera: ntibyavuye kuri mwe, ahubwo ni impano y'Imana; ntibyavuye no ku mirimo, kugira ngo hatagira umuntu wirarira.

—Abefeso 2:8, 9

Abahanuzi bose bemeje ibya Yezu, bavuga ko kubera ububasha bwe, buri wese umwizera ababari-rwa ibyaha bye. —Ibyakozwe 10:43

Nta wundi agakiza kabonekaho; kuko ku isi yose nta wundi abantu bahawe ufite ubushobozi bwo kudukiza. —Ibyakozwe 4:12



Imana ituma Marayika Gabriyeli mu mugi wo muri Galileya, witwa Nazareti. Imutuma ku mukobwa wari warasabwe n'uwitwa Yozefu, wo mu muryango wa Dawidi; uwo mukobwa akitwa Mariya. Nuko Marayika . . . aramubwira ati "Ndakuramutsa, nyagutoneshwa n'Imana! Nyagasani ari kumwe nawe . . . Dore, ugiye gusama inda; uzabyara umuhungu, uzamwite Yezu. Azaba umuntu ukomeye, ndetse azitwa Umwana w'Isumba vyose . . . ubwami bwe ntibuzagira iherezo." Mariya abwira Marayika, ati "Ibyo biza-shoboka bite, ko nta mugabo tu-

bonana?" Marayika aramusubiza ati "Mwuka Muziranenge azakuzaho, n'ububasha bw'Imana bukubumbatire. Ni cyo gituma umwana uzabyara azaba umuziranenge, yitwe Umwana w'Imana . . . Erega burya nta kinanira Imana!" Mariya aravuga ati "Jye-we ndi umuja wa Nyagasani: bimbere uko ubivuze." Marayika amusiga aho, arigendera.

—Luka 1:26-38

Abantu babayeho ku isi hatabayeho kuryamana kw'umugabo n'umugore ni Adamu na Yezu Kristo bonyine. Adamu yazanye icyaha mu isi, naho Yezu we yazanye kuneshya ibyaha.

Uwo, nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa... Kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu, yicisha bugufi, araganduka, ntiyanga no gupfa, ndetse urupfu rwo ku musaraba. —Abafilipi 2:6, 8

Jyewe na Data turi umwe. None se, kuki munshinja gutuka Imana, ngo navuze ko ndi Umwana wayo, kandi ari jye Data yitoranyirije, akantuma ku isi? —Yohani 10:30, 36

*Yezu Kristo, Jambo rihoraho, yahozeho kuva kera kose. Imana yakoze igitangaza ituma Mariya atwara inda ye arayibyara. Mu buryo bw'umubiri, Yezu yitwa Umwana w'umuntu; mu buryo*

*bw'umwuka yitwa Umwana w'Imana. Muri Bibliya bakoresha ijambo "Umwana" kugira ngo berekane isano riri hagati y'Imana n'Ijambo ryayo—ari we Yezu Kristo.*

Ni cyo cyatumye, ubwo Yezu yazaga mu isi, avuga ati... Ahubwo wanyiteguriye umubiri.  
—Abaheburayo 10:5

Kandi werekanywe n'ubushoboyi ko ari Umwana w'Imana mu buryo bw'Umwuka Wera, bigahamya no kuzuka kwe.  
—Abaroma 1:4

Tomasi aramusubiza ati "Mwami wanjye! Mana yanjye!"  
—Yohani 20:28

Si ugushidikanya, ubwiru bw'ubumana burakomeye cyane: Imana kwerekanwa ifite umubiri . . .

—1 Timoteyo 3:16a

Nyamara muri we ni ho hari kuzura k'Ubumana kose mu buryo bw'umubiri. —Abakolosayi 2:9

Nuko umwana yatuvukiye, duhawe umwana w'umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye: azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w'amahoro.

—Yesaya 9:6

Yezu arabasubiza ati “. . . kuva mbere y'uko Abrahamu abaho, jye ndiho.” —Yohani 8:58

Ubugingo bwari muri we, kandi ni bwo bwari urumuri rw'abantu . . . Jambo ni we rumuri nyakuri rwaje ku isi, maze rumurikira umuntu wese. Yari ku isi, kandi isi yabayeho ku bwe, nyamara isi ntiyamumenya. —Yohani 1:4, 9-10

Kuko hariho Imana imwe, kandi hariho Umuhuza umwe w'Imana n'abantu, na we ni umuntu, ni we Yezu Kristo, witangiye kuba inshungu ya bose.

—1 Timoteyo 2:5, 6a

Ni we waducunguje amaraso ye, ngo tubone kubabarirwa ibyaha byacu. Ni na we shusho y'Imana itaboneka. —Abakolosayi 1:14, 15a

Kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana, bashorewe n'Umwuka Wera. —2 Petero 1:21

Ibyo yabivuze atumye abahanuzi be yitoranyirije kuva kera... kugira ngo amenyeshe abantu be agakiza baheshwa no kubabari-rwa ibyaha. —Luka 1:70, 77

Umwuka w'Uwiteka yavugiye muri jye, ijambo rye ryari ku ruri-mi rwanjye. —2 Samweli 23:2

Aya mategeko ngutegeka uyu muni, ahore ku mutima wawe. —Gutegeka kwa Kabiri 6:6

Ibyanditswe byera byose bya-

humetswe n'Imana, kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka. —2 Timoteyo 3:16

Ibyanditswe kera byose byandikiwe kutwigisha, kugira ngo kwihangana no guhumurizwa bitangwa na byo, biduheshe ibyiringiro. —Abaroma 15:4

Mwarayobye, ntimwamenya Ibyanditswe, ntimwamenya n'ububasha bw'Imana. —Matayo 22:29b

Kuko washyirishije hejuru ijambo ryawe kurisohoza, ngo rirute iby'izina ryawe ryose.

—Zaburi 138:2b

Yambaye umwenda winitswe mu maraso, kandi yitwa Jambo ry'Imana. —Ibyahishuwe 19:13

Mbere na mbere, uwitwa Jambo yariho. Jambo uwo yari kumwe n'Imana, kandi yari Imana. Nuko Jambo aba umuntu, aturana natwe. —Yohani 1:1, 14a

### *Yezu amenyekanisha Imana*

Imana yategetse umucyo kuva, uturutse mu mwijima, ni yo yaviriye mu mitima yacu, kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yezu Kristo. —2 Abakorinto 4:6

Nta muntu wigeze abona Imana, ahubwo Umwana wayo w'ikinene uhorana na Se iteka ni we wayimenyekanishije. —Yohani 1:18

### *Imana ivugira mu kanwa ka Yezu*

Kera Imana yavuganiye na basogokuruza mu kanwa k'abahanuzi, mu bihe byinshi no mu buryo bwinshi, naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye natwe mu kanwa k'Umwana wayo, uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wa byose, ni we yaresheje isi.

—Abaheburayo 1:1, 2

Ndavuga ibyo nabonanye Data. —Yohani 8:38a

# IJAMBO RYANDITSWE N'IJAMBO RIFITE UBUZIMA BIGERERANIJWE

*Bibliya ni Ibyo Kurya by'Umutima*

Ndetse amagambo yo mu kanwa kayo yambereye ubutunzi bundutira ibyokurya binkwiriye.

—Yobu 23:12b

Umuntu ntazatungwa n'umugati gusa, ahubwo azatungwa n'ijambo ryose Imana ivuze.

—Matayo 4:4b

*Bibliya Imurikira Inzira Yacu*

Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, ni umucyo umurikira inzira yanjye.

—Zaburi 119:105

Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge.

—Zaburi 119:130

*Yezu ni Umugati Wamanutse Uva mu Ijuru*

Ni jye mugati muzima wamanutse mu ijuru; nihagira uwuryaho, azabaho iteka ryose. Kandi uwo mugati ni umubiri wanjye nzatanga kugira ngo abantu bose babone ubugingo. Ni jye mugati w'ubugingo.

—Yohani 6:51, 48

*Yezu ni Umucyo w'Isi*

Ubugingo bwari muri we, kandi ni bwo bwari urumuri rw'abantu. Yezu arongera, arababwira ati “Ni jye rumuri rw'isi. Ūnkurikira ntazagenda mu mwijima, ahubwo azaba afite umucyo utanga ubugingo.”

—Yohani 1:4; 8:12

**Bibliya Itanga Ubugingo  
Bwera Imbuto**

Ahubwo amategeko y'Uwiteka ni yo yishimira. Kandi amategeko ye ni yo yibwira ku manywa na n'ijoro. Uwo azahwana n'igiti cyatewe hafi y'umugezi, cyera imbuto zacyo igihe cyacyo, ibibabi byacyo ntibyuma. icyo azakora cyose kizamubera cyiza.

—Zaburi 1:2, 3

**Yezu Atanga Ubugingo 29  
Bwera Imbuto**

Nimugumye kuba umwe nanjye, nanjye ngumye kuba umwe namwe. Ni jye muzabibu, mwe muri amashami. Ugumya kuba umwe nanjye, nanjye nkagumya kuba umwe na we, uwo ni we wera imbuto nyinshi; kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite.

—Yohani 15:4a, 5

**IBYANDITSWE BYERA BIVUGA IBYA YEZU KRISTO**

Musesengura mu Byanditswe, kuko mutekereza kubibonamo ubugingo buhoraho, kandi ari byo nyine bihamya ibyanjye . . . Iyaba mwemeraga Musa koko, nanjye mwanyemeye, kuko yanditse ibi-

nyerekeyeho. —Yohani 5:39, 46

Nuko ahera ku bitabo bya Musa no ku by'abahanuzi bose, abasobanurira ibimwerekereye, akoresheje Ibyanditswe byose.

—Luka 24:27

# IJAMBO RIHORAHO RY'IMANA NTA BWO RIHINDUKA

Uwiteka, iteka ryose Ijambo ryawe rihora mu ijuru rihamyeye. Indunduro y'ijambo ryawe ryose ni ukuri; amateka yawe yo gukiranuka ahoraho iteka ryose, hadasigaye na rimwe. —Zaburi 119:89, 160

Ubwatsi buraraba, uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose. —Yesaya 40:8

Kugeza ubwo ijuru n'isi bizashirira, nta kanyuguti habe n'akadomo ko mu Mategeko kazavaho, kugeza ubwo byose bizaba birangiye. —Matayo 5:18b

Tuzi ko Ibyanditswe bidakuka. —Yohani 10:35a

*Nta Bwo Abantu Bakwiriye Gutinyuka Guhindura Bibliya*

Icyo mbategeka cyose mujye mucyitondera mucyumvira; ntimukacyongereho, ntimukakigabanyeho. —Gutegeka kwa Kabiri 12:32

Ntukagire icyo wongera ku magambo yayo, kugira ngo itagucyaha, ugasanga uri umunyabinyoma. —Imigani 30:6

Kandi ni hagira umuntu ukura ku magambo y'igitabo cy'ubu buhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo. —Ibyahishuwe 22:19a

Uhinyura ijambo, aba yizanira kurimbuka. —Imigani 13:13a



# URUPFU RWA YEZU RWASOHOJE IMIGAMBI Y'IMANA

31

Igituma Data ankunda ni uko nemera guhara ubuzima bwanjye, kugira ngo nzabusubirane. Nta wubunyaga; ni jye ubuhara ku bushake bwanjye. Mfite ubushobozi bwo kubuhara n'ubwo kubusubirana.  
—Yohani 10:17, 18a

Ntuzi se ko nshobora gutabaza Data, agahita ampa imitwe y'ingabo y'abamarayika irenze cumi n'ibiri? Ariko se, bibaye bityo, Ibyanditswe byashika bite, kandi bivuga ko ari uku bigomba kuba?  
—Matayo 26:53, 54

Nyamara Imana ni yo yatumye biba bityo, ikurikije uko yari yatumye abahanuzi bose kuvuga

mbere ko Kristo yagombaga kubabazwa, akicwa. —Ibyakozwe 3:18

Yezu aramusubiza ati “Nta bu-basha na buke wari kuba umfiteho iyo utabuhabwa n’Imana.”  
—Yohani 19:11a

Uwo muntu yatanzwe, nk’uko Imana yari yarabigennye, ikabiteganya mbere. Maze mwe mumwicisha kumushyikiriza abantu b’abagome ngo bamubambe ku musaraba.  
—Ibyakozwe 2:23

Ariko Uwiteka yashimye kumushenjagura, yaramubabaje, ubwo ubugingo bwe buzitambaho igitambo cyo gukuraho ibyaha.

—Yesaya 53:10a

## 32 URUPFU RWA YEZU RWAVUZWE N'ABABIBONYE

Yezu abambanywe n'abambuzi babiri, umwe iburyo, undi ibumoso. Nuko biba nk'uko Ibyanditswe bivuga, ngo "Yabazwe mu bagizi ba nabi." —Mariko 15:27, 28

Nuko abasirikari baraza, bavuna amaguru y'umuntu wa mbere n'ay'uwa kabiri, bari babambanywe na Yezu; ariko bageze kuri Yezu, basanga amaze gupfa, nuko ntibirirwa bamuvuna amaguru. Ahubwo umwe mu basirikari amutoboza icumu mu rubavu; muri ako kanya, havamo amaraso n'amazi. Uwabyiboneye ni we ubihamyaye, kandi ibyo ahamya ni iby'ukuri. Uwo azi ko ibyo avuga ari ukuri, kugira ngo namwe mubye-

mere. Ibyo bintu byabereyeho kugira ngo bibe nk'uko Ibyanditswe bivuga, ngo "Nta gufwa rye na rimwe rizavunwa." Kandi ahandi havuga ngo "Bazabona uwo bateye icumu." —Yohani 19:32-37

Uhereye isaa sita, ku isi yose hacura umwijima, bigeza isaa cyenda... Yezu yongera kurangurura ijwi, aherako araca... Isi iratigita, ibitare biriyasa... Umukapiteni n'abasirikari be barindaga Yezu, bumvise umutingito w'isi, kandi babonye ibindi byabaye, baratinye cyane, baravuga bati "Mu by'ukuri uyu muntu yari umwana w'Imana."

—Matayo 27:45, 50-51, 54

Arilo Imana iramuzura, imukijije urupfu rubi, kuko bitashobotse ko rumuherana . . . Yezu uwo rero Imana yaramuzuye, twese tubibereye abagabo.

—Ibyakozwe 2:24, 32

Nuko rero, nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso, ni ko na we ubwe yahuje ibyo na bo, kugira ngo urupfu rwe aruhinduze ubusa ūfite ubutware bw'urupfu, ni we Satani, abone uko abatwira abahoze mu bubata bwo gutinya urupfu mu kubaho kwabo kose.

—Abaheburayo 2:14, 15

Wa rupfu we, kunesha kwawe kuri he? Wa rupfu we, urubori rwawe ruri he? . . . Ariko Imana i

shimwe iduha kunesha ku bw'Umwami wacu Yezu Kristo.

—1 Abakorinto 15:55, 57

Ndi Uhoraho. icyakora nari narapfuye, ariko none dore mporaho iteka ryose, kandi mfite imfunguzo z'urupfu n'iz'i kuzimu.

—Ibyahishuwe 1:18

Ariko none (ubuntu) bukaba bwarerekanywe no kuboneka k'Umwukiza wacu Kristo Yezu, wahinduye urupfu ubusa, akerekaniye ubugingo no kudapfa ubutumwa bwiza.

—2 Timoteyo 1:10

Tuzi yuko Kristo, amaze kuzuka, atagipfa; urupfu rukaba rutakimufiteho urutabi. —Abaroma 6:9

## 34 MBESE YEZU DUKWIRIYE KUMUGIRA DUTE?

Dore, mpagaze ku rugi, ndakomanga. Umuntu ni yumva ijwiryanyje, agakingura urugi, nzinjira i we, dusangire.

—Ibyahishuwe 3:20

Ariko rero ūdakora, ahubwo akizera Ūtsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka. —Abaroma 4:5

“Nimwakire Mwuka Uziranege.” . . . Musabe, muzahabwa, kugira ngo ibyishimo byanyu bisendere. —Yohani 20:22b; 16:24b

Ūkunda se cyangwa nyina akabandutisha, ntakwiriye kuba uwanjye; . . . Maze Yezu abwira abigishwa be, ati Ūshaka kunyoboka wese nareke kwiyitaho, ahubwo a

tware umusaraba we, ankurikire. Ūshaka gukiza ubuzima bwe azabubura; naho uhara ubuzima bwe, ari jye ahōrwa, azaba abukijije.

—Matayo 10:37a; 16:24, 25

Ni watuza akanwa kawe yuko Yezu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye, uzakizwa. —Abaroma 10:9

Ubwo muri aba Kristo, muri urubyaro rw’Abrahamu, muri n’abaragwa nk’uko byasezeranijwe.

—Abagalatiya 3:29

Uwizera Umwana w’Imana ntacirwaho iteka, naho utamwizera aba yarangije kuricirwaho, kuko aba atizeye uwitwa Umwana w’iki-nege w’Imana. —Yohani 3:18

## MURI YEZU NI HO DUHERWA UBUGINGO BUSHYA 35

Kandi uko guhamya ni uku, ni uko Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo bugingo bubonerwa mu Mwana wayo. Ufite uwo Mwana ni we ufite ubwo bugingo. —1 Yohani 5:11, 12a

Ariko Imana, kuko ari umutunzi w'imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo... ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro byacu, (ubuntu ni bwo bwabakijije).

—Abefeso 2:4, 5

Kuko itegeko ry'Umwuka w'ubugingo bwo muri Kristo Yezu ryambatuye ububata bw'itegeko ry'ibyaha n'urupfu. —Abaroma 8:2

Nabambanywe na Kristo, ariko ndiho; nyamara si jye uriho, ahub-

wo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana. —Abagalatiya 2:20a

Umuntu wese iyo ari muri Kristo, aba ari icyaremwe gishya: ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya.

—2 Abakorinto 5:17

Kuko mwabyawe ubwa kabiri, mutabyawe n'imbutu ibora, ahubwo mwabyawe n'imbutu itabora, mubiheshejwe n'ijambo ry'Imana rizima rihoraho... Mumere nk'impinja zivutse vuba, mwifuza amata y'umwuka adafunguye, kugira ngo abakuze. —1 Petero 1:23; 2:2

Imana iri mu buturo bwayo bwera, ni se w'imfubyi n'umucamanza urengera abapfakazi.

—Zaburi 68:5

Ariko noneho Uwiteka uri Data wa twese, turi ibumba, nawe uri umubumbyi wacu; twese turi umurimo w'intoze zawe. Wowe ubwawe, Uwiteka, ni wowe Data wa twese, uri umucunguzi wacu; uhereye kera kose ni ryo zina ryawe.

—Yesaya 64:8; 63:16b

Kandi aho babwirirwaga ngo, Ntimuri ubwoko bwanyje, bazahabwirirwa ngo Muri abana b'Imana ihoraho.

—Hoseya 1:10b

None se, ko muzi guha abana banyu ibyiza, kandi muri babi, So wo mu ijuru we ntazarushaho guha ibyiza ababimusabye? . . . Dore rero, mujye musenga mutya, muti Data uri mu ijuru, izina ryawe niryubahwe.

—Matayo 7:11; 6:9

Nanjye nzabakira, kandi nzababera So, namwe muzambera abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka ushobora byose avuga.

—2 Abakorinto 6:17b, 18

Abayoborwa n'Umwuka w'Imana bose ni bo bana b'Imana.

—Abaroma 8:14

# MURI YEZU NI HO TUMENYERA KO IMANA ARI DATA

37

Yezu aramusubiza ati “Ni jye nzira n’ukuri n’ubugingo. Nta wujya kwa Data atanyuze kuri jye. Ubwo munzi, na Data muzamumenya. Ūnkunda wese azakurikiza ibyo mvuga, na Data azamukunda, maze tumusange, tugumane na we.” —Yohani 14:6, 7a, 23b

Imana yohereza Umwana wayo . . . biduheshe guhinduka abana b’Imana. Kandi kuko muri abana bayo, ni cyo cyatumye Imana yohereza Umwuka w’Umwana wayo mu mitima yacu, avuga ati Abba, Data. Ni cyo gituma utakiri imbata, ahubwo uri umwana: kandi rero ubwo uri umwana, uri

n’umuragwa, ubihawe n’Imana. Mwese muri abana b’Imana, mubiheshejwe no kwizera Kristo Yezu. —Abagalatiya 4:4-7; 3:26

Nyamara abamwakiriye bose, bakemera uwo ari we, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b’Imana. —Yohani 1:12

Ni hagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wtwese, ni we Yezu Kristo ukiranku. —1 Yohani 2:1b

Kuko ari we uduhesha, uko turi amahara-kubiri, kwegera Data wtwese turi mu Mwuka umwe. —Abefeso 2:18

## YEZU ADUHA URUKUNDO N'IBYISHIMO N'AMAHORO

Udakunda ntazi Imana, kuko Imana ari urukundo. Imana ni urukundo, kandi uguma mu rukundo, aguma mu Mana, Imana ikaguma muri we. —1 Yohani 4:8, 16b

Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha, nk'uko Imana yabababaririye muri Kristo. —Abefeso 4:32

Icyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye ni uko bazabona urukundo mufitanye. —Yohani 13:35

Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo, n'ibyishimo, n'amahoro . . . . —Abagalatiya 5:22a

Nta kabuza ko nishimana Uwitaka, nkanezererwa mu Mana y'agakiza kanjye. —Habakuki 3:18

Uzammenyeshya inzira y'ubugingo: imbere yawe ni ho hari ibyishimo byuzuye; mu kuboko kwawe kw'iburyo hari ibinezeza itekaryose. —Zaburi 16:11

Nuko rero, ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana ku bw'Umwami wacu Yezu Kristo. —Abaroma 5:1

Mbasigiye amahoro; amahoro yanjye ni yo mbahaye. Sinyabahaye nk'uko isi itanga. Ntimuhagarike imitima, kandi ntimugire ubwoba! —Yohani 14:27



Ariko niba Umwuka w'Iyazuye Yezu aba muri mwe, Iyazuye Kristo Yezu izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe. —Abaroma 8:11

Kandi ubwo Imana yazuye Umwami Yezu, natwe izatuzurisha imbaraga zayo. —1 Abakorinto 6:14

Tuzi yuko Iyazuye Umwami Yezu izatuzurana na we, kandi izatwishyirana namwe. —2 Abakorinto 4:14

Icyo Data ashaka ni uko buri wese ubonye Umwana we akamwemera ahabwa ubugingo buhoro, nanjye nkazamuzura ku munsi w'imperuka. —Yohani 6:40

Yezu aramubwira ati “Ni jye kuzuka n'ubugingo. Unyizera wese, n'aho yaba yarapfuye, azabaho. Kandi uriho wese unyizera ntazigera apfa. —Yohani 11:25, 26a

Kuko ubwo urupfu rwazanywe n'umuntu, ni ko no kuzuka kw'abapfuye kwazanywe n'umuntu. Nk'uko bose bokojwe gupfa na Adamu, ni ko bose bazahindurwa bazima na Kristo; ariko umuntu wese mu mwanya we, kuko Kristo ari we muganura, maze hanyuma aba Kristo bakazabona kuzuka, ubwo azaza. —1 Abakorinto 15:21-23

Kuko ndiho, namwe muzabaho. —Yohani 14:19b

Uwasuzuguye amategeko ya Mose, ko atababarirwaga, ahubwo bakamwica, abagabo babiri cyangwa batatu bamushinje, nkanwe ukandagiye Umwana w'Imana, agakerensa amaraso y'isezerano yamwejesheje, agahemura Umwuka utanga ubuntu! Ntimugira ngo azaba akwiriye igihano gikabije cyane kuruta bya bindi?

—Abaheburayo 10:28, 29

Umpinyura, ntiyakire n'amagambo yanjye, afite ikimucira urubanza: amagambo navuze ni yo azamucira urubanza ku munsu w'imperuka.

—Yohani 12:48

Ni cyo gitumye mbabwira ko muzarinda mupfa mukiri mu bya-

ha. Koko nimutemera uwo ndi we, muzarinda mupfa mukiri mu byaha.

—Yohani 8:24

Reka mbabwire, mwebwe ncuti zanjye ntimugatinye abica umubiri, nyuma ntibashobore kugira iki-ndi barenzaho. Ahubwo reka mbatungire agatoki uwo mugomba gutinya: mutinye Nyagasani, we wamara kwica umuntu, nyuma agashobora no kumuroha mu muriro utazima. Koko ndabibabwiye: mube ari we mutinya!

—Luka 12:4, 5

Twebweho tuzarokoka dute, ni twirengagiza agakiza gakomeye gatyo?

—Abaheburayo 2:3a

Kuko yashyizeho umunsi wo guciraho isi yose imanza zitabera, ikoresheje umuntu yatoranyije. Kumuzura, akava mu bapfuye kwabereye abantu bose icyemezo cyabyo.  
—Ibyakozwe 17:31

Byongeye kandi, Data nta we acira urubanza, ahubwo yeguriye Umwana we ububasha bwo guca imanza zose, kugira ngo bose bamwubahe nk'uko bubaha Se.  
—Yohani 5:22, 23a

Kuko twese dukwiriye kuzagaragarizwa imbere y'intebe y'imanza ya Kristo, kugira ngo umuntu wese ahabwe ibikwiriye ibyo ya-

koze . . . ari ibyiza cyangwa ibibi.  
—2 Abakorinto 5:10

. . . ku munsi (Imana) izacirira abantu ho iteka muri Yezu Kristo ku byahishwe byabo . . .  
—Abaroma 2:16b

. . . ubwo Umwami Yezu azahishurwa, ava mu ijuru, azanye n'abamarayika b'ubutware bwe, hagati y'umuriro waka, ahōra inzigo abatamenye Imana n'abatumvira ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yezu.—2 Abatesalonike 1:7b, 8

Naho ba banzi banjye batashakaga ko mbabera umwami, nimubazane hano, mubicire imbere yanjye.  
—Luka 19:27

## 42 ABIYITA ABAKURIKIRA YEZU, SI BO BOSE ARI ABA YEZU BY'UKURI

Bavuga yuko bazi Imana, ariko bayihakanisha ibyo bakora.

—Tito 1:16a

Ariko umuntu wese utagira Umwuka wa Kristo, ntaba ari uwe.

—Abaroma 8:9b

... bakicara imbere yawe nk'ubwoko bwanjye, kandi bakumva amagambo yawe, ariko nta bwo bayakurikiza; kuko berekanisha ururimi rwabo urukundo rwinshi, nyamara umutima wabo ukurikirira inyungu yabo mbi.

—Ezekiyeli 33:31b

Aba bantu bampoza ku rurimi,

ariko imitima yabo ikamba kure.

—Matayo 15:8

Abahora bampamagara, ngo “Mubyeyi, Databuja!” si ko bose bazinjira mu bwami bw'ijuru, uretse abakora ibyo Data wo mu ijuru ashaka bonyine. Kuri uwo munsu, benshi bazambaza bati “Ariko se Nyagasani, ntitwahanuye mu izina ryawe? Ntitwamenesheje ingabo za Satani mu izina ryawe? Kandi ntitwakoze ibitangaza byinshi mu izina ryawe?” Ubwo nzababwira neruye, nti “Sinigeze mbamenya. Nimumve imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe!”

—Matayo 7:21-23

## **ABAKURIKIRA YEZU BY'UKURI BARAMWUMVIRA 43**

Iki ni cyo kitumenyeshya yuko tumuzi, ni uko twitondera amategeko ye.  
—1 Yohani 2:3

Kandi nzabashyiramo Umwuka wanjye, ntume mugendera mu mateka yanjye, mugakomeza n'amategeko yanjye, mukayasohoza.  
—Ezekiyeli 36:27

Kandi amaze gutunganywa rwose, abera abamwumvira bose umuhesha w'agakiza kadashira.  
—Abaheburayo 5:9

Maze, mubatuwe ku byaha, muhinduka imbata zo gukiranuka.  
—Abaroma 6:18

Kuko turi abo yaremye, ituremeye imirimo myiza muri Kristo

Yezu, iyo Imana yiteguriye kera, kugira ngo tuyigenderemo.  
—Abefeso 2:10

Niba Kristo aba muri mwe, nubwo umubiri uba upfuye uzize ibyaha, umwuka uba uri muzima ku bwo gukiranuka. Kuko niba mukurikiza ibya kamere y'umubiri, muzapfa; ariko ni mwicisha umwuka ingeso za kamere, muzaruma.  
—Abaroma 8:10, 13

Umuntu wese uvuga izina ry'Uwiteka ave mu bidatunganye.  
—2 Timoteyo 2:19b

Petero n'izindi Ntumwa barasubiza bati "Tugomba kumvira Imana kuruta kumvira abantu."  
—Ibyakozwe 5:29

Ab'isi nibabanga, mumenye ko ari jye babanje kwanga. Iyo muba ab'isi, bari kubakunda nk'uko bakunda ababo. Ariko ntimuri ab'isi, ahubwo narabatoranyije, mbatandukanya na bo; ni cyo gituma babanga. —Yohani 15:18, 19

Ndetse hagiye kuzaza igihe ubwo ūzabica wese azibwira ko akorera Imana. Ibyo bazabibakore-ra kuko batamenye Data, nanjye ntibamenye. —Yohani 16:2b, 3

Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana: kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenya, kuko batayimenye. —1 Yohani 3:1

Ni ngombwa ko tunyura mu makuba menshi ngo tubone kwinjira mu bwami bw'Imana.

—Ibyakozwe 14:22b

Icyakora n'ubundi abashaka kujya bubaha Imana bose, bari muri Kristo Yezu, bazarenganywa. —2 Timoteyo 3:12

Ku isi muzagira amakuba, ariko nimuhumure! Isi narayitsinze.

—Yohani 16:33b

Nababwiye ijambo ryawe, maze ab'isi barabanga. —Yohani 17:14a

Murahirwa igihe cyose abantu babanga, bakabigizayo, bakababwira, bakababwira agaciro, bababwirako Umwana w'umuntu.

—Luka 6:22

Muyikoreze amaganya yanyu yose, kuko yita kuri mwe.

—1 Petero 5:7

Ntutinye, kuko ndi kumwe nawe; ntukihebe, kuko ndi Imana yawe; nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara; kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw'iburyo, ni ko gukiranuka kwanjye.

—Yesaya 41:10

Ubwo data na mama bazandeka, Uwiteka azandarura.

—Zaburi 27:10

Ni cyo gituma tuvuga dushize ubwoba tuti “Uwiteka ni umutabazi wanjye, sinzatinya. Umuntu yabasha kuntwara iki?”

—Abaheburayo 13:6

Ubwo mutukwa, babahora izina rya Kristo, murahirwa; kuko Umwuka w'ubwiza aba kuri mwe, ni we Mwuka w'Imana.

—1 Petero 4:14

Kuko azagutegekera abamariyika be, ngo bakurindire mu nzira zawe zose. Naho nanyura mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu, sinzatinya ikibi cyose, kuko ndi kumwe nawe. —Zaburi 91:11; 23:4a

Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga. Kandi Imana yanjye izabamara ubukene bwanyu bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri, muri Kristo Yezu.

—Abafilipi 4:13, 19

Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari urusange mu bantu; kandi Imana ni iyo kwizerwa, ku-ko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira.

—1 Abakorinto 10:13

Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.

—Abaheburayo 4:16

Ariko rero, iyo tugendeye mu mucyo, nk'uko na yo iri mu mucyo, tuba dufatanije ubwacu, kandi amaraso ya Yezu Umwana wa-

yo atwezaho ibyaha byose.

—1 Yohani 1:7

Nuko uhunge irari rya gisore, ahubwo ukurikize gukiranuka no kwizera n'urukundo n'amahoro, ufatanije n'abambaza Umwami wacu bafite imitima iboneye.

—2 Timoteyo 2:22

Abe ari ko namwe mwiyumvamwo ko mwapfuye ku byaha, mukaba muriho ku Mana muri Kristo Yezu.

—Abaroma 6:11

Nuko rero mugandukire Imana, ariko murwanye Satani, na we azabahunga.

—Yakobo 4:7

Nabikiye ijambo ryawe mu mitima wanjye, kugira ngo ntagucumuraho.

—Zaburi 119:11



## **GUSENGA KW'UKURI NI UGUFATANYA N'IMANA 47**

Umutima wanjye urakubwiye uti Wavuze uti Nimushake mu maso hanjye: Nuko, Uwiteka, mu maso hawe ndahashaka. —Zaburi 27:8

Mwa bantu mwe, mujye muyiringira: ibyo mu mitima yanyu mu-bisuke imbere yayo: Imana ni yo buhungiro bwacu. —Zaburi 62:8

Nkiza, Uwiteka, nzabona gukira; undokore, nzarokoka; kuko ari wowe shimwe ryanjye.

—Yeremiya 17:14

Musenge ubudasiba; mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yezu. —1 Abatesalonike 5:17, 18

Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana, iha abantu bose itimana, itishama, kandi azabuhabwa.

—Yakobo 1:5

Nimugumya kuba umwe nanjye, n'amagambo yanjye akabagumamo, musabe icyo mushakacyose, muzagihabwa. —Yohani 15:7

Nashatse Uwiteka, aransubiza, ankiza ubwoba nari mfite bwose.

—Zaburi 34:4

Iyaba naribwiraga ibyo gukiranirwa mu mutima wanjye, Uwiteka ntaba anyumviye. Uwiteka, ku bw'izina ryawe mbabarira gukiranirwa kwanjye, kurakomeye.

—Zaburi 66:18; 25:11

Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye, n'impanda y'Imana; nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka; maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe na bo tuzamuwe mu bicu, gusanganyirira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose. —1 Abatesalonike 4:16, 17

Nuko bakundwa, ubwo dufite ibyo byasezeranijwe, twiyezeho imyanda yose y'umubiri n'umutima, tugende twiyejeshya rwose kubaha Imana. —2 Abakorinto 7:1

Na none, bana bato, mugume

muri we; kugira ngo, ni yerekanywa, tuzabona uko dutinyuka, tutabebera imbere ye, ubwo azaza.

—1 Yohani 2:28

Mube ari ko namwe mwihangana, mwikomeza imitima, kuko kuzaza k'Umwami Yezu kubegereye. Ntimwitotombane, bene Data, mudacirwaho iteka: dore umucamanza ahagaze ku rugi.

—Yakobo 5:8, 9

Namwe rero muhore mwiteguye, kuko Umwana w'umuntu azaza igihe mudakeka. —Luka 12:40

Kandi ufite ibyo byiringiro muri we, yiboneza nk'uko uwo aboneye. —1 Yohani 3:3

## NIMWUZURE UMWUKA W'IMANA

Nimuhindurwe n'imiburo yanjye; dore, nzabasukahom umwuka wanjye, nzabamenyesham amagambo yanjye. —Imigani 1:23

Nimwihane, buri wese abatizwe mu izina rya Yezu Kristo, kugirango mubabarirwe ibyaha. Ni bwo Imana izabaha impano, ari yo Mwuka Muziranenge.

—Ibyakozwe 2:38b

Kandi ntimugasinde inzoga ziriho ubukubaganyi: ahubwo mwuzure Umwuka. Mubwirane zaburi n'indirimbo n'ibihimbano by'Umwuka, muririmba mucurangira Umwami wacu mu mitima yanyu. Mujye mushima Imana, Data wa

twese, ku bw'ibintu byose, mubi-yishimira mu izina ry'Umwami wacu Yezu Kristo: kandi mugandukirane ku bwo kubaha Kristo.

—Abefeso 5:18-21

Ntimuzi yuko muri urusengero rw'Imana, kandi ko Umwuka w'Imana aba muri mwe? Kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana.

—1 Abakorinto 3:16; 6:20

Bamaze gusenga, aho bari bateraniye haba umushitsi, bose buzuzwa Umwuka Wera, bavuga ijamba ry'Imana bashize amanga.

—Ibyakozwe 4:31

Text reprinted from the Bible in Kinyarwanda by permission of the United Bible Societies Africa Regional Centre, Nairobi, Kenya.

---

Published in numerous languages as God supplies funds in answer to prayer. If you would like more copies for prayerful distribution, write in English. Specify which language(s) you need and how many booklets.  
**World Missionary Press, PO Box 120, New Paris, IN 46553-0120 USA**

Aka gatabo gatangwa ku buntu

[www.wmpress.org](http://www.wmpress.org)

3-17



Read booklets online or by App  
[www.wmp-readonline.org](http://www.wmp-readonline.org)

1542 Kinyarwanda HKG